

SEGATASHYA EMMANUEL

Uburyo yajyanye ubutumwa mu mahanga

Segatashya Emmanuel yabonekewe bwa mbere ari umwana w'umuhungu wibera i wabo, ari umupagani, atazi inzira igana ishuri. Abonekerwa na Yezu, aramwibwira, aramwigisha aramenya. Amubwira kubatizwa akitwa Emmanuel, iryo zina aba ari we urimuhitiramo. Amubwira ko azamuha ubutumwa azajyana mu mahanga ariko yamaze no kubuvuga mu Rwanda. Ubwo butumwa bukaba ari ubwo kubwira abantu kwitegura Yezu uri mu nzira zigaruka kuri iyi si.

Bugasobanura iby'umunsi w'imperuka rusange wegereje n'umunsi w'imperuka wa buri muntu ku giti cye.

Kuva Segatashya yahamagarwa na Yezu, yagiye akura mu gihagararo no mu bwenge ku buryo butangaje. Abaribamuzi akiri umwana muto, baramutangariraga. Iyo avuga, usanga ari wa mwambari w'umwana ugenda nka Shebuja. Kwigisha kwe ni ukuvuga ibyamubayeho n'ubutumwa yahawe kugeza ku isi yose.

Tekereza nawe uwahoze ari umushumba w'ihene, utazi ishuri icyo ari cyo agahamagarirwa kubwirwa k'isi yose nk'uko abahanuzi bo mu kiragano cya kera bahamagarirwaga. Ababyumvise bahereye bibaza ngo azabigeraho ate? uwabimutoreye yamuhaye kubishobora. Muri Zaïre (Congo) yagezeyo ahabwa impano yo kuvuga indimi zaho, ubutumwa yahawe abugeza mu migi myinshi, ndetse no mu murwa mukuru waho: Kinshasa. Yabugejeje kandi ku bantu b'ingeri zose, kuva ku bakristu basanzwe, kugeza ku bayobozi b'idini, ibigo by'abihaye Imana n'amaseminari. N'abategetsi barimo n'abasirikari bakuru, bese akababwira mu rurimi rwabo kavukire.

Ubwo iyi nyandi yandikwaga, yiteguraga kujyana ubutumwa muri Canada. Dore ko i Burayi bwari bwaramaze kuhagezwa n'abo bahuriye muri Zaïre (Congo). Ariko ngo naho yari kuzajyaga akabubwirira bamureba.

Urugendo rwa Segatashya Emmanuel muri Zaïre

Mbere y'uko Segatashya ajyana ubwo ubutumwa muri Zayire yabanje kubugeza ku bari i Kibeho ku italiki ya 27/1/1985; yagombaga kubujyana i Burundi ku italiki ya 1/2/1985 ntibyashoboka, ariko ajyayo ku italiki ya 3/12/1985, ararayo bucya agaruka mu Rwanda, abujyana muri Zayire ku italiki ya 20/1/1986 agaruka mu Rwanda mu kwezi kwa kabiri 1988.

Segatashya avuga ko ubwo butumwa yagombaga kugeza muri ibyo bihugu uko ari bitatu: u Rwanda, u Burundi, na Zayire ariko kandi bukaba bureba isi yose.

Aragira ti: « Yezu ambonekera bwa mbere, yampaye ubutumwa ngomba kugeza ku bantu », ambwira ati: « abantu nibicuze bahinduke, kuko igihe gisigaye ari gitoya. Naho abazaba baranze kwicuza, bakazaba batakibishoboye. Kandi abazi ko nageze kuri icyo si n'ibirenge byanjye bamenye ko ndi mu nzira zishaka kuyigarukaho, kuza kujyana mu ijuru abankoreye neza icyo nshaka ».

Kujyana ubwo butumwa mu Burundi ntibyashobokeye

Nk'uko bigenda, iyo umuntu agiye kujya mu kindi gihugu yaka ibya ngombwa. Segatashya nawe niko yabigenje kugirango ashobore kujyana ubwo butumwa mu Burundi, ariko bamwima visa.

Aragira ati: « Nagombaga kugenda ku italiki ya mbere y'ukwezi kwa Kabiri 1985. Ambasaderi wari uhagarariye u Burundi mu Rwanda yanyatse passeport yanjye, visa bari

bashyizemo arayanula (annuler), arangije azinga neza iyo passeportmbwira arampereza, arambwira ati « uzagende neza ». Aba amfunyikiye amazi, ngenda ntacyo mbiziho.

Mu gihe nari ndi mu nzira ngiye kubwira Musenyeri ko ibya ngombwa byuzuye, nibwo twarebye passeport dusanga yateyemo kashi ya annulé, tubwira Musenyeri uko byagenze. Batalefonnye i Kigali, Ambasaderi arababwirango uwo mwana nagaruke i Kigali, tubonane menye aho azacumbika nagera mu Burundi.

Hagati aho dutelefone i Burundi, tubona aho nzacumbika tubona n'uzanyakira ku bintunga n'ingendo. Nibwo ariko bavuze ko muri icyo gihe Leta y'u Burundi itumvikana na Kiliziya, ngo nimbe ntegereje bazampa visa. Bigeza ubwo umwaka ujya gushira ntaragenda.

Ku italiki ya 20 z'ukwezi kwa 12/1985, Yezu yongeye kumbonekera, arambwira ati : « itegure kujyana i Burundi ubutumwa naguhaye ». Mubaza niba noneho nzabona visa, kuko n'ubundi kugeza ubwo ari yo nari ntegereje ; arambwira ati « visa ntabwo ari ngombwa, uzangendere aho ».

Icyo gihe yambonekeye ndi i Butare kwa Camille Mbonnyubwabo, arambwira ati : « uzanyure i Cyahinda, uzahite muri Nshili, umanuke akanyaru kose, wambuke. Uzarara mu Kayanza kuri uwo munsu zahagurukaho i Butare. Kandi zahaguruke saa kumi n'imwe za mugitondo »

Kwa Camille bamfashije kugera i Cyandinda n'imodoka, ngenda n'amaguru ngera ahantu hitwa i Jeni mu Burundi. Mpageze nsanga Kiliziya yaho ikinguye, nyiyamo ndapfukama nadasenga nsabira igihugu ngiyemo, nsabira n'icyo mvuyemo, kandi nsaba Imana kugirango nzagire urugendo rwiza.

Nsohotse mu Kiliziya mbona imodoka y'abasirikare ivuye mu Kayanza. Ndayihagarika kugirangi intware kuko nari nananiwe. Barambwira bati twaje gushaka inkwi, nituzibura turakujyana. Nituzibona kandi, ntabwo tukujyana kuko ntiwashobora kugenda hejuru y'ibiti.

Banyeretse aho mbetegerereza kuri Komini ya Jeni, ndahahagarara ; bagarutse barahansanga ; inkwi bari bazibuze, baranjyana bangeza mu Kayanza, aba ariho ndara.

Abo basikirare bamvanye i Jeni bakangeza mu Kayanza ntabwo bambajije izina ryanjye, nanjye sinababwiye uwo ndi we.

Kubona aho ndara mu Kayanza byabanje kungora. Nagiye gushaka aho ngura ibyo kurya mpahurira n'umusore w'umurundi witwa Emmanuel, ambaza uwo ndi we, ndamubwira nti ngiye i Bujumbura, ambaza abantu bo mu Rwanda bacuruzanya ibintu bamwe nsanga mbazi. Ahita ancumbikira, kuko bari inshuti ze. Bukeye mu gitondo amfasha gushaka bus yaturukaga mu Kirundo ijya i Bujumbura.

Muri icyo bus nasanzemo umusirikare mukuru nawe wajyaga i Bujumbura avuye i Ngozi twicara ku ntebe imwe, tugenda tunganira, ariko ntitwibwirana amazina.

Yambajije aho nkora, mubwirako nkora muri ELECTROGAZA i Butare kuko ariho nakoraga koko mu gihe nari ntegereje igisubizo cya Ambassade y'u Burundi.

Nawe ambwira ko ari (Officier) umusirikare mukuru wo mu kigo cyo mu Kamenge i Bujumbura. Mubwiye ko ngiye kureba Musenyeri w'i Bujumbura Ntuyahaga, ati turaturanye ndahakugeza.

Nibwo rero twajyanye arahangeza, dusezeranaho, nigira nk'uhazi, nkomeza inzira igana mu gikari aho batekera, kuko nari nabonye umwotsi. Ngeze mu gikoni, aho batekera umuboyi mubwira ko ari Musenyeri nshaka. Ambajije aho nturutse, nti i Butare kwa Musenyeri Gahamanyi. Yumvise ko aho nturutse ari ku wundi Musenyeri, ajya kumubwira, araza turamukanya nk'abaziranye.

Mubwira ko nturutse i Butare, mubwira iby'ibonekerwa ry'i Kibeho, mubwira ko nahawe ubutumwa bwo gutangaza ki isi yose mpereye mu gihugu Yezu yambwiye.

Musenyeri nawe ambwirako muri icyo gihe bitameze neza, ko ndetse n'abamufashaga benshi bafunzwe, ko ndetse bafunze n'umuhungu wavugaga ko abonekerwa.

Nimugoroba anjyana kuri Ambassade y'u Rwanda, sinagira umuntu mpasanga uretse umuzamu, kuko bwari bwije ari saa moya y'ijoro.

Ndara aho hanze, bukeye mu gitondo abakozi ba Ambassade bahansanze, bambaza uko naje barumirwa. Bangarura mu Rwanda bangeza kwa Musenyeri Gahamanyi.

Gigeze ku italiki ya 5/1/1986, Yezu yongeye kumbonekera, arambwira ati warakoze kuko wagiye i Burundi, none itegure kujyana muri Zayire ubutumwa naguhaye.

Ndagenda mbibwira Musenyeri. Ku italiki ya 18/1/1986 Yezu agaruka kumbwira igihe nzagendera. Ati « uzahaguruke ku italiki ya 20 z'ukwezi kwa mbere, ufate bus izakugeza i Cyangugu, wambuke ujye muri Zayire gutanga ubutumwa naguhaye ». ati « Ntugire ubwoba, nzakuba hafi kandi sinzagutererana ».

Kuri iyo taliki ya 20, niho nahagurutse i Butare muri bus ngera i Cyangugu ari mu gicuku mbura iyo mva n'iyi njya, mbaza umuntu nari nzi wajyaga uza i Kibeho kureba ibonekerwa, bambwira aho atuye, mbona na tagisi ingeza yo. Uwo muntu aranyishimira cyane, ndetse ansubiza n'amafaranga igihumbi nari natanze kuri iyo tagisi. Ndara iwe, bukeye anjyana kwa Padiri Kayinamura, ajya kubibwira umugabo Nicolas w'i Bukavu ujya uza i Kibeho kureba ibonekerwa, aza kunyakira ku mupaka.

I Bukavu niho natangiriye kuvuga ubutumwa ariko bihaba iby'akanya gato.

Maze kugera i Bukavu, nagiyeye kwa Musenyeri Mulindwa Archevêque wa Bukavu, musaba uruhusa rwo kwigisha. Mutekerereza iby'urugendo rwanjye n'ubutumwa Yezu yampaye, ambwira kuzajya kubuvuga ahantu hose, akambwira ibihugu ngomba kubujyanamo aribyo : u Rwanda, u Burundi, na Zayire

Mbona ko abyumvise kandi ampaye uruhusa, kuko yumva neza Ikinyarwanda. Ngiye hanze ntangiye kubwira abantu, urwandiko yohereje runsanga aho nari ncumbitse kwa Nicolas, rumpagarika kuvuga, ngo nzabanze nongere kubonana na Musenyeri kubera ko ngo hari ibyo atasobanukiwe neza.

Ngeze iwe arambwira ati « ntabwo nshaka kongera kukubona ». Hagati aho ariko, abakristu b'i Goma bakaba bumvise ko nageze muri Zayire, kandi ntakiriwe neza i Bukavu, basaba Musenyeri wabo Ngabu ko bashaka kunyumva, arabyemera.

Nuko barantumira njyayo, mperekejwe na Nicolas ; nsabye uruhusa Musenyeri Ngabu ararumpa, ndetse ahubwo anshinga umuntu uzamfasha muri urwo rugendo nkora muri Diyosezi ye yose. Uwo nyanshinze ni umunyamabanga we wo mu muryango w'abapadiri bera akaba akomoka miru Canada.

Aho i Goma banyakiriye neza cyane, haba mu miryango y'abihaye Imana, n'amashuri yose kuri Goma, n'abakristu ba za Paruwasi nyinshi.

Abakristu baho bakiriye ubutumwa bishimye, babwakirana inyota yo kububwira abandi.

Segatashya yabagejejeho ubutumwa mu ruhe rurimi ?

Icyo kibazo narakimubajije, arambwira ati : « hashize iminsi igera maze ku cyumweru maze kugera i Bukavu, nari ntangiye kumva Igiswayire ; mu cyumweru cya kabiri nari ntangiye kukivuga.

I Goma ho nkihagera navugaga mu Kinyarwanda, hari abantu batacyumva, hakaza umuntu agasemura ibyo mvuga, yaba atabivuze neza nkabyumva kuko Igiswayire nacyumvaga ariko ngifite amasonosoni yo kukivuga ngo mbe nacyigishamo.

I Goma narahatinze, nahamaze ukwezi kumwe n'iminsi cumi n'umunani gusa, mpavanwa n'uko mu zindi Diyosezi bari bansabye. Mpava njya muri Diyosezi ya Uvira. Nkiri i Goma nacumbikaga kwa Kanyarwanda Cléophas (Perezida wa Banki y'umuryango w'ibihugu bikikije ibiyaga bigari), niwe wandihiye urugendo rwo gusubira i Bukavu, Nicolas

arahanyakira aramperekeza angeza Uvira, Musenyeri waho anyakira neza, ndetse ahita ampa uruhushya rwo kubwira abakristu be ubutumwa nk'uko nabwiye ab'i Goma. Ari aho i Goma, ari n'aho muri Uvira ubutumwa nabuvugiraga hanze hatari mu Kiliziya kandi buri munsu. Kugirango abakristu bamenyeshwe ko bazaza kumva ubutumwa babibabwiraga mu Kiliziya ariko nkazabubabwirira hanze.

Aho muri Uvira nacumbikiwe na Musenyeri waho, kubabwira mu Kinyarwanda bagasemura birabananira, maze kubabwira mu Giswayire numva biranyoroheye ntangira kuvuga mu Giswayire ntyo. Igisawayire rero natangiye kukivuga ari uko uwasemuraga byamunaniye. Amagambo y'Imana, rimwe na rimwe agora utayazi, nk'amagambo navugaga ni ayo Yezu yasize avuze ariko hari abakristu batayazi yose, maze kugirango bayahindure mu rundi rurimi bikabagora. Aho Uvira nahamaze amezi abiri, mpita njya muri Région ya Shaba i Kalemi.

Ngiye kugenda nabanje gusezera kuri Musenyeri Kapangwa, ampa umupadiri wo kumperekeza angeza ku bwato ; bari banguriye na ticket nuko musezera ho, buranjyana, ndara mu mazi babiri mbere y'uko ngera i Kalemi. Nagezeyo nsanga Musenyeri waho Kaseba adahari yaragiye mu ruzinduko.

Kubera ko nari mfite amafaranga y'impamba navanye ino, i Bukavu n'i Goma nagiyeye kuba nshumbitse muri ihoteri, ntegereje ko Musenyeri azahindukira tukabonana ; akampa uruhusa rwo rwo kubwira abakristu be. Aho aziye nyuma y'icyumweru turabonana ambwira ko agiye mu rundi rugendo ko adashobora kunyakira. Nongera kumara ikindi cyumweru mu ihoteri ntegereje gari ya moshi (train) yo kunjyana i Lubumbashi. Muri Diyosezi ya Kalemi rero sinashoboye kuvugayo ubutumwa.

Ngeze i Lubumbashi, nabanje gushakisha umuntu nari natumweho na murumuna we wo muri Kivu, mubonye arancumbikira kugeza igihe Musenyeri w'Arkidiyosezi ya Lubumbashi anyakiriye. Ariko ntiyahita anyemerera cyangwa ngo anyangire gutanga ubutumwa.

Nibwo muri iyo minsi, hanyuze umusenyeri wari uturutse mu nama i Kinshasa yumva abantu bavugaga inkuru yanjye. Ati : « iyo nkuru ya Segatashya wo mu Rwanda nayumviye mu Bufaransa », ati : « ndamwakira mujyane muru Diyosezi yanjye ». Aza kunshaka aho nari ndi anjyana muri Diyosezi ya Kolwezi. Ariko mbere yo kujyana nawe nabanje kujya kubaza Arkiyepiskopi wa Lubumbashi niba adashaka ko nzagaruka muri Arkidiyosezi ye, arambwira ati : « nuko wansanze mu bibazo byinshi nuva i Kolwezi uzagaruke nzaguha uruhushya ubwire abakristu banjye. Koko rero ngarutse ampa Vicaire-Général we amfasha kubonana n'abakristu.

Njya muri Diyosezi ya Kolwezi Musenyeri waho niwe ubwe wanyijyanaye, aba ari nawe ungarura i Lubumbashi. Ngeze i Kolwezi, niho natangiye kuvugira ubutumwa mu Kiliziya. Musenyeri waho yagize ati : « Emmanuel Segatashya ni umukristu wabatirijwe mu idini Gatorika, ahabwa amasakaramentu ya Batisimu, Ukaristiya n'Ugukomezwa. Ni umukristu kimwe n'abandi ntagomba kuvugira hanze nk'utagira idini. Abantu bose baja baja mu Kiliziya ababwire ubutumwa ».

Muri Kolwezi sinahatinze cyane, nagiyeye mu Maparuwasi agera ku munani cyanwa icumi, njya mu bigo by'Abihaye Imana kandi mbonana n'abanyeshuri.

Mpavuye niho nasubiye i Lubumbashi ; bandikira Amaparuwasi yose y'Arkidiyosezi, babanza gukoranya Abiyaye Imana mbabwira ubutumwa birabashimisha cyane. Hanyuma nakirwa n'Amaparuwasi arenga 37, nakirwa muri za gereza zose ndetse na prison centrale. Nakirwa muri Université yo muri Shaba, nakirwa mu iseminari nkuru no mu maseminari mato. Kubera ko Igiswayire cyaho gitandukanye n'icyo muri Kivu nabanje kumpa abansemurira mu Gifaransa, ariko hashize igihe gito cyane kitarenze ibyumweru bitatu mba maze kumenya Igiswayire cyaho mpita nkibigishamo.

Aho muri Shaba, ni ukuvuga i Kolwezi n'i Lubumbashi, nahamaze amezi icyenda. Ibyo navuze byanyujijwe kuri Radio yo muri Shaba kugira ngo n'Amadiyosezi yose ashobore kumva ubwo butumwa. Ndetse byandikwa no mu kinyamakuru cyaho cyandikwa buri cyumweru, batora n'abantu bandi bavugira kuri radiyo bemeza abatari bahari, bababwira uko bakiriye ubwo butumwa.

Mvuye i Lubumbashi nagiyeye muri Diyosezi ya Kangolo, naho Musenyeri waho n'abakristu banyakira neza cyane. Kugira ngo njyeyo, bari bantumiye biturutse ku byo bari bumvise muri radiyo, n'ibyo bari basomye muri cya kinyamakuru. Nabagejejeho ubutumwa bwa Yezu barishima cyane, ubwo no muri Diyosezi ya Nsakanya bahita bantumira, naho abakristu baho barabyishimira.

Mvuye i Nsakanya nagiyeye kwiherera kugirango nshimire Imana ; nihererera muri Monastère y'Ababenedigitini b'i Lubumbashi, ahantu hitwa Kififi nshimira Imana kandi ntegura urugendo rujya i Kinshasa.

Muri uko kwiherera nabifashijwemo n'Umumonaki. Kubera ko bari baranyishimiye nta n'icyo bandihishije mu minsi yose namaze mi ihoteli yabo kandi ihenda cyane (amafaranga 1000 ku munsu) kandi uretse icyo minsi yo kwiherera hari n'ubundi nahamaze ukwezi.

I Kinshasa nagiyeyo naho abakristu baho bantumiye, ariko kandi byari no muri poragaramu y'urugendo rwanjye uko Yezu yari yambwiye.

Abamonaki b'i Lubumbashi bampaye umperekeza, Le Père Mounsens angeza yo anshakira icumbi muri Paruwasi Notre Dame du Zaïre i Kinshasa. Mbanza kujya kureba Abasenyeri baho kugirango bampe urushya rwo kugira icyo mbira abakristu babo. Mbere yo kumpa urwo ruhusha babanza kwandikira abakristu b'Amaparuwasi yose y'Arkidiyosezi ya Kinshasa kugirango bazanyakire.

Aho i Kinshasa nikiriwe n'Abihaye Imana benshi cyane, hafi imiryango yose iriyo. Nakirwa n'imiryango remezo Gatolika nyaho, nakirwa, n'abasirikare bo mu rwego rwo hejuru (les officiers).

Ari muri Shaba (i Lubumbashi n'i Kolwezi) ari i Kinshasa na Kasayi nagiyeye nyuma kugeza ubwo ngaruka mu Rwanda, navugiraga mu Kiliziya, sinongeye kuvugira hanze. Kunyakira kandi kwaho bampaga imodoka izajya injyana aho ngomba kujya kuvuga ubutumwa, kandi bakampa abantu bagenda bandinze kugira ngo hatagira ikimpungabanya, kandi ugasanga abakristu baharanira kumva no kugeza ku bandi ibyo bumvise.

Padiri mukuru wa Paruwasi Notre Dame du Zaire ari nayo Katedarari y'Arkidiyosezi y'i Kinshasa, yari yari yarampaye imodoka ye, ampa n'abantu bane bandinda.

Kubona nk'ahantu hari abantu bagera ku bihumbi bitanu, bine se cyangwa bitatu bateze amatwi bumva neza nta rusaku, kandi ntawe urambirwa kunyumva, ahubwo bakankurukirana aho ngiyeye hose, byerekana ko bari bashishikariye kumva ubwo butumwa.

Muri régions zindi zigize umugi wa Kinshasa aho nashoboye kujya ni Mbujimayi. Naho Kinshasa ubwayo ni région. Abakristu rero nabasangaga muri Paruwasi zabo nkavugira mu Kiliziya ; uretse igihe kimwe higeze kuba abantu benshi cyane baturutse mu mpande zose za Arkidiyosezi bari mu muryango w'abakarismatike, uwo muryango urahakomeye cyane, kuko batari kubona Kiliziya bakwirwamo, tujya ahantu kuri kolege Boboto i Kinshasa.

Kugira ngo mvuge basbobore kumva, bazanaga micro zimeze neza, nkavuga nta rusaku kuko umuntu wese yabaga azanywe no kumva ndetse ngo agire icyo ajya kubwira abo yasize mu rugo. Wabonaga mbese batifuza ko nahava.

Ururimi rukoreshwa i Kinshasa ni Ilingala. Mbere y'uko mva i Lubumbashi, Abamonaki babanje kunyana ahantu bavugaga urwo rurimi kugira ngo ningera i Kinshasa bitazangora. Aho banjyanye ni mu kigo cy'abasirikari baho mpamara iminsi ine mbona kujya i Kinshasa. Nagiyeye numva gusa ariko ntashobora kuvuga. Hashize ukwezi kumwe ngeze i Kinshasa

nagiye kwigisha muri Paruwasi ya Fatima, mpasanga abantu b'amadini anyuranye, bahateraniye ngo basengere hamwe, ibyo mvuze bakansemurira, uwasemuraga akaba ari umuprotestanti bimunanira kuvuga uko nababwiraga. Nuko mpita mvuga llingala, maze bitangaza Abazayirwa bose.

Nanjye kandi biratangaza. Ariko ntubyantangaza cyane kuko Yezu yari yambwiye ati « ntabwo nzagutererana, nzaguhora hafi ». Mu byo kumenya indimi rwose ni Yezu wabishatse si ukubera ko nazize, cyangwa se nabaye aho bazivuga, kuko bitabayeye ibyo sinarusha Abamisiyoneri bagiyeyo ugasanga bamenya izo ndimi bitinze, ndetse bamwe bikaba byaranabananiye. Nk'ubu njye mvuga Igiswayire neza, nkavuga llingala neza, izo ndimi zombi nazivuzemo ubutumwa.

Mvuye i Kinshasa nagiye muri Kasai Oriental aho bita i Mbujimayi, bari baransabye ko nzagera iwabo. Itike y'indege yo kungezayo nayirihwe na Padiiri Mukuru wa Paruwasi Notre Dame du Zaïre. Ngezeyo nasanze bantegereje banyakira neza cyane, ndetse na Musenyeri waho ampa uruhushya bitagoye. Nagiye muri Diyosezi irimo Kasai zombi, Diyosezi ya Lwiza. Igihe nari ndi muri Shaba, kubera ko abantu bari banyishimiye, banzaniraga ibifuka by'amafaranga, nyanga ku mugaragaro, atari ukubera kwanga imfashanyo ahubwo mbabwira ko atari cyo cyanzanye ; icyanzanye ari ubutumwa. Nuko aho kumpa amafaranga bakandihira ticket ingeza aho njya, kandi bakamperekeza bakangeza ku ndege.

Nagiye Mbujimayi, njya muri Diyosezi ya Lwiza, mbonana n'imiryango yose y'abiyaye Imana, mbonana n'amashuri yose yisumbuye kugeza kuri Université yaho, nakirwa n'Abafaratiri mu Iseminari nkuru. Mpavuye ngaruka i Kinshasa. Muri Zaïre rwose banyakiriye neza cyane, atari ukakira nyewe ahubwo kubera ubwo butumwa bashima. Wasangaga haba ubwo Amaparuwasi andwanira ngo njye iwabo, yarahuje umunsi wo kuntumira ».

Ubwo butumwa yabagejejeho ni butumwa ki ?

Segatashya aragira ati « ubwo butumwa ni bumwe, ntabwo bunyuranye n'ubwo navugiye mu Rwanda i Kibeho ku italiki ya 27 z'ukwezi kwa mbere 1985. ni ubutumwa bwerekeye uguhinduka kw'abantu no kwicuza kuko igihe gisigaye ari gitoya, nk'uko Yezu yabimbwiye. Muri icyo gihe gitoya, akavuga umunsi w'imperuka wa rusange, n'umunsi w'imperuka ku giti cy'umuntu. Agira ati « Umunsi w'imperuka wa rusange uri hafi ; ariko kandi n'umunsi w'imperuka ku giti cy'umuntu ni wo ukomeye cyane, kuko uzapfana ibyaha, azazukana ibyaha, naho uzapfana ubutungane akazazukana ubutungane.

Ntacyo umunsi w'imperuka wa rusange uzahindura ku rupfu rw'umuntu na kimwe ». Avuga ibyo umuntu agomba gukurikiza kugira ngo ashobore gutegura neza urupfu rwe :

- « Icyamba mbere ni ukumenya amategeko y'Imana no kuyakurikiza, kureka ibibi byo ku isi tugakurikiza ibyiza byo mu ijuru.
- Ibyamba kabiri ni ukumenya gutegura neza urupfu rw'umuntu ku giti cye kuko atazi igihe ruzamugereraho. Ruzaza rumutunguye kandi nirwo rukomeye kuruta umunsi w'imperuka rusange.
- Icyamba gatatu ni ukumenya gusenga amasengesho agaragarira mu bikorwa byiza. Mbese ni imfashanyo duha bagenzi bacu ijyanye n'ugushaka kw'Imana.
- Icyamba kane ni ukumenya kwicuza ibyaha byacu, tugahinduka tukaba bashya nk'uko twari tukibatizwa.

Arangije ayo magambo yansobanuriye iby'ishira ry'isi. Yagize ati « isi izashira. Kandi ntizashira kubera ububi bw'abantu, ahubwo isi izashira kubera ko Imana yayiremye izi ko izashira. Ariko kandi ibyago n'amakuba abantu bazagira, nibwo ubwabo bazabyikururira. Kuko uwemeye kwicuza ibyaha bye ndamubabarira, naho uwanze kwicuza ibyaha bye, nkagumana uburakari. Niyo mpamvu igihe nzaba ndi hafi kugaruka kuri icyo si, nzabanza kugarura ibyaha bya bariya banze kwicuza kuri icyo si, maze hakazavamo amakuba menshi. Ubwo burakari nzabanza mbuhe Abamalayika banjye barindwi, kugira ngo bajye

kubunyanyagiza mu mpande enye z'isi, maze nibamara kubunyanyagiza, amakuba azaturuke impande zose. Byose bizakomeza kuba bibi kubera abantu banze kwicuza ibyaha byabo ».

Yezu yakomeje avuga amakuba azabanza.

1. Yaravuze ati « Izuba rizaba ryinshi, maze abantu bicwe n'inzara. Nuko amadini asubiranemo arwana, ababyeyi n'abana babo basubiranemo, ibihugu ku bihugu bisubiranemo, kandi imiryango yose izasubiranemo. N'ibyago byinshi kandi bizakomeza, nyamara bizaterwa n'ukwicuza kw'abantu ».

Segatashta ati « Yezu amaze kunsobanurira ayo magambo nagize ubwoba maze mubaza ibibazo bibiri :

- a) Kubera iki amadini azasubiranamo kandi ubona agukorera? Aransubiza ati « Amadini azasubirana mo kubera urukundo ruke. Baravuga ngo barankunda nyamara mu by'ukuri ntabwo bankunda. Baravuga ngo barankorerera, nyamara mu by'ukuri ntabwo bankorerera uko nshaka. Urukundo rukeya hagati y'amadini nirwo ruzatera imirwano hagati y'amadini ».
 - b) Ndamubaza nti ese kuki wabumbye umuntu n'intege nkeya kandi ubona amakuba azikururira? Aransubiza ati « umuntu yabumbannywe intege nkeya ariko ntakwiye kuguma mu ntege nkeya kubera ko nabaye urugero rwe. Navuye mu ijuru kubera ibyaha bye, yabonye amakuba yose nahuriye nayo muri icyo si kubera ibyaha bye. Namuhise imbere mwambikirwa ubusa kubera ibyaha bye, mubambirwa ku musaraba kubera ibyaha bye ». Ati : « nagiraga ngo mbereke y'uko abashaka kunkurikira bose bazatotezwa ; nyamara ntibazampunge kubera y'uko nzaba mbari hafi ». Ati : « Njye nakomeje kuba urugero rwanyu kugera ku musaraba aho navugiyeye amagambo agera ku munani ».
- Ijambo rya mbere yavugiyeye ku musaraba, yasabiye abishi be, igihe abwiye se ati : « Ubababarire kuko batazi icyo bakora ». yagira ngo atwereke ko nta mujinya azamukanye mu ijuru kubera abishi be. Yagira ngo atwereke kandi yuko yaje kudukingurira ubwami bwe bw'ijuru. Mbere y'urupfu rwe nta muntu n'umwe wari warigeramo. Yagira ngo atwereke kandi y'uko ubungubu, turi barumuna be n'abana ba Se Patri, kubera ko mbere y'urupfu twari abaja n'abagaragu kuri ino si.
 - Ijambo rya kabiri, yakijije igisambo ku musaraba, ari byo kutwereka ko Yezu ari we mukiza w'umuntu wese.
 - Ijambo rya gatatu : yadusigiye umubyeyi Bikira Mariya igihe ahamagaye Yohani akamubwira ati « dore Nyoko », akabwira Bikira Mariya ati « dore umwana wawe ». Yagira ngo atwereke yuko Bikira Mariya agomba kudasabira ndetse n'abanze kumwambaza ngo abasabire kugira ngo abereke urukundo.
 - Ijambo rya kane : yabwiye Se ati : « ni kuki wantereranye ». Yagira ngo atwereke ko umuntu afite intege nke, ndetse n'ukorerera Imana ageraho akagira intege nke ariko kandi adakwiye kuguma mu ntege nkeya.
 - Ijambo rya gatanu : yabwiye Se ati : « ugushaka kwawe nigukorwe, maze ugushaka kwanjye nkwihorere », kugira ngo atwereke ko ugushaka kwacu tugoma kukwihorera maze ugushaka kwi'Imana kugakorerwa muri twe.

- Ijambo rya gatandatu : yabwiye Se ati : « mfite inyota yawe ». Yagira ngo atwereke ko umuntu wese ushaka gukurikira Imana agomba kugira inyota yayo, kugira ngo agire urukundo rwinshi ku Mana.
- Ijambo rya kalindwi : yabwiye Se ati : « Nshyize roho yanjye mu maboko yawe », yagira ngo atwereke ko ibintu byose kugeza ku buzima bw'umuntu, agomba kubushyira mu maboko y'Imana kuko Imana ariyo mushumba uragira byose.
- Ijambo rya munani : yabwiye Se ati : « byose birujjwe » ; yishimiraga umurimo arangirije se Patri, yamutumye kurangiza kuri ino si, kandi yarangije neza. Yishimiraga kandi abantu bamwituye inabi, yuko we yabituye ineza. Yagira ngo atwereke ko buri muntu ushaka gukurikira Imana agomba kugirira neza abamugiriyeye nabi.

Yezu ari hafi kugaruka : Hagowe uzaba atwite n'uzaba yonsa ibyaha.

Segatashya aragira ati :

Yezu amaze kumbwira ayo magambo, yakomeje agira ati : « Njyewe nabaye urugero rwanyu, ariko kandi amakuba azakomeza kubera abanze kwicuza ibyaha byabo. Amakuba azakomeza, umuntu wabyaye yifuze kuba nk'utabyaye, naho utarabyaye yifuze kuba nk'igiti ». Ati : « mumenye ko nta kintu kizahinduka kuri iyo si, kuko isi izabahaga namwe mukayihaga, kubera abanze kwicuza ibyaha byabo ». Ati : « kubera abanze kwicuza ibyaha byabo, amakuba azakomeza, maze n'abantu banjye bese bazatotezwe », ati : « ariko ntibazanyihakane kubera ko nzaba mbari hafi ». Arongera aravuga ati : « kubera abanze kwicuza ibyaha byabo amakuba azakomeza, maze amashitani azaturuke impande zose, azatangire kuvuga ati : 'Ninjye Yezu, njyewe ndabakorera ibitangaza, kandi nzarangize amakuba yanyu yose, maze nzabahe ibintu byose mushaka ndetse mbahe n'ibyo kurya ».

Yezu akomeza agira ati : « ayo mashitani muramenye ntimuzayemere ». Arangije kumbwira ayo magambo numvise mfite ubwoba, ndongera mubaza ikindi kibazo. Nti « Ni ukubera iki ayo mashitani azatuzira twebwe, kandi tuzayirinda gute, ayo mashitani tuzayabwirwa n'iki ? » Aransubiza agira ati : « nimubona umuntu avuga amagambo anyuranye n'ayo nasize mvuze ntimuzayemere ». Nuko arangije kunsoburira icyo kibazo nibwo nongeye kumubaza nti : « ese njyewe ubutumwa umpaye kugira ngo njye kububwira abantu ni butumwa ki ? » Aransubiza ati : « ubutumwa nguhaye kugira ngo uzajye kubwira abantu bese ntabwo ari ubutumwa bushya ahubwo ni amagambo nasize mvuze mbere. Ubungubu nabonye abantu barayibagiwe, barayashyize ku ruhande rw'ubuzima bwabo. Barayiyibagije, nyamara ayo magambo niyo mushumba uragiye ubuzima bwanyu. Niyo mpamvu naguhamagaye kugira ngo ujye kwibutsa abantu bese amagambo nasize mvuze ».

Arangije yakomeje ambwira ati : « kubera abanze kwicuza ibyaha byabo, amakuba azakomeza, ariko kandi mumenye yuko ibyago biri ku bantu babiri igihe nzagarukira kuri iyo si :

« Hagowe umuntu uzaba utwite muri icyo gihe n'uzaba yonsa igihe nzagarukira kuri iyo si ». Nti ese ni ukubera iki ibyago bizaba ku bantu babiri, uzaba atwite n'uzaba yonsa ? twebwe se ntabwo tugowe muri icyo gihe uzagarukira ?

Aransubiza ati « Njyewe ntabwo nshaka kuvuga umugore uzaba utwite muri icyo gihe, cyangwa se umugore uzaba yonsa, ahubwo ndashaka kukubwira umuntu uzaba yonsa ibyaha muri icyo gihe yaba umuhungu cyangwa umukobwa ».

Nyuma yakomeje kunsobanurira uburyo umuntu yaba atwite ibyaha cyangwa yonsa ibyaha : « konsa ibyaha ni umuntu ukora ibikorwa bibi maze akabikorera imbere ya bagenzi be ; urugero rw'ibibi akora akabikorera imbere ya bagenzi be. Ari umuntu w'umurozi akoshya abandi kuroga bagenzi babo. Yaba se umuntu w'umusambanyi akabwira bagenzi be go basambane.

Cyangwa se akaba ari umuntu w'igisambo maze akabwira bagenzi be ngo bazajye kwiba bagenzi babo. Cyangwa se akaba ari umubeshyi akabwira bagenzi be ngo bazajye kubeshyera bagenzi babo.

Cyangwa se akaba ari umwicanyi akabwira bagenzi be ngo bazajye kwica bagenzi babo.

Cyangwa se akaba ari umuntu w'ibikorwa bibi by'uburyo bwose maze akoshya bagenzi be gukora ibikorwa bibi ».

Yakomeje kuvuga ati : « uwo muntu yaba umuhungu cyangwa umukobwa aronsa icyaha, kuko yigisha bagenzi be gukora ibyaha ».

Nyuma yansobanuriye uko umuntu aba atwite ibyaha yaba umuhungu cyangwa umukobwa. « Gutwita ibyaha ni bya byaha bikorerwa mu rwisho : yaba umuntu w'umurozi akaroga bagenzi be, akihisha akazajya kubaza abandi kandi azi ko ari we wamwishe ati ni nde wishe kanaka ?

Uwo muntu atwite ibyaha yaba umukobwa cyangwa umuhungu.

Yaba ari umusambanyi nyuma akihisha akajya kubaza bagenzi be, ati : « ni nde ubu ngubu ari gusambana ? kandi azi ko ari umusambanyi ruharwa ». Uwo muntu atwite ibyaha.

Yaba umuntu w'igisambo akiba bagenzi be ibintu byabo, akabihisha ndetse akajya kubashakisha agira ati : « ninde wiba bagenzi bacu », kandi azi ko ari we wiba ibyo bintu ; uwo muntu nawe, yaba umukobwa cyangwa umuhungu atwite ibyaha.

Yaba umuntu uteranya abandi, hanyuma akigira uw'ejo ati : « ese ni nde uteranya bagenzi bacu », kandi azi ko ari we ; uwo muntu nawe yaba umukobwa cyangwa umuhungu atwite ibyaha.

Yaba umuntu w'umubeshyi akabeshya bagenzi be, akabihisha inyuma akiyerurutsa agira ati : « ninde ubeshyera bagenzi bacu kandi azi ko ariwe ubwe, uwo muntu nawe atwite ibyaha.

Yaba umuntu w'umwicanyi, akica abandi akabihisha nyuma akajya kubaza abandi ati : « ese ni nde wica bagenzi bacu », kandi azi neza ako ariwe, uwo muntu nawe atwite ibyaha.

Yaba umuntu w'ibikorwa bibi by'uburyo bwose, akabihisha, akigira uw'ejo akiyerurutsa, akajya kubaza bagenzi be ati : « ni nde ukora ibintu bibi nyamara kandi azi neza ako ari we, uwo muntu yaba umuhungu cyangwa umukobwa atwite ibyaha.

Yakomeje agira ati : « Njyewe mfite ubushobozi bureba buri muntu wese uko yibaza ; uwo muntu ndabona umutima we waraboze kubera ibyaha bye. Uwo muntu rero atwite ibyaha ».

Nyuma yakomeje agira ati : « nguko konsa ibyaha, nguko gutwita ibyaha yaba umuhungu cyangwa yaba umukobwa ». ati : « hagowe abo bantu icyo gihe nzahindukira kuri iyo si ngasanga baticujije ». ati : « baragowe kuko batazambona kandi ntibazagere mu bwami bwa Data ». ati : « baragowe kuko bazahora bashya mu muriro w'iteka waremewe shitani n'abamarayika babi ».

Yakomeje kandi agira ati : « mbere y'uko ngaruka kuri iyo si buri wese azabyibwira ».

Ati : « ukugaruka kwanjye kuzasa n'igiti kigiye kurabya », ati : « nk'uko mbere y'uko kirabya kibanza kubonesha ibimenyetso niko na mbere y'ukugaruka kwanjye bizamera ».

Ati : « mbere y'uko ngaruka, nzabanza gushyira mu bantu bose urukundo rwanjye ; kubamenyesha ko ari Njyewe ushaka kugaruka kuri iyo si, atari uwundi ».

At : « Nzatuma abamarayika banjye mu mpande enye z'isi gukoranya abantu bose, maze ababi bazabashyire ukwabo n'abeza babashyire ukwabo.

Ijuru n'isi bizahinda umushyitsi n'abapfuye bazuke nuko ntambike umukororombya ku ijuru kugirango mbereke isezerano nagiranye n'isi ; maze muzambone mu bicu byererana n'umusalaba wanjye mutagatifu nabacunguje, n'urugaga rw'Abamalayika runshagaye impande zose, nze mbacire urubanza ».

Ati : « Nzabanza guca urubanza rw'ababi nzababwire nti : « mwanze gukora icyo nshaka nka shitani nimujye gushya mu muriro w'iteka waremewe shitani kuko yanze gukora icyo nshaka ».

Ati : « nzagaruka ku beza nzababwire nti : mwakoze icyo nshaka none nimuze mujye kugororerwa mu bwami bwa Data ubuzira herezo ».

Yakomeje agira ati : « ibintu byose mubona kuri icyo si bizashira ariko isezerano nagiranye n'isi rizasigara.

Inyenyeri, izuba, ukwezi bizagwa ku isi maze umuriro uzaturuke mu kuzimu utwike ibiyirimo byose ».

Arangije kumbwira ayo magambo, yakomeje agira ati : « Mugende gukora ibyo nshaka kuko uzi byinshi azabazwa byinshi naho uzi bike akazabazwa bike ».

Hanyuma ansobanurira batisimu uko ari eshatu, arangije ati : « hari ibintu bibiri mubona ku isi, nyamara uko mubibona bitandukanye n'uko nyje mbibona : ibintu by'ubukire n'ubukene ».

Ati : « umukene kuri Njyewe bivuga unkunda naho umukire kuri Njyewe bivuga umuntu utagira icyo amariye ».

Ati : « niba ufite byinshi ukaba unkunda uri umukene kuri Njyewe, kuko umukene kuri Njyewe bivuga umuntu ukora icyo nshaka.

Naho niba nta byo kurya cyangwa ibyo kunywa ufite nyamara ukaba udakora icyo nshaka , ati nkubonamo umukungu kuri Njye ; kuko umukungu kuri Njyewe bivuga umuntu udakora icyo nshaka, utagize icyo amariye.

Ati waba ufite byinshi cyangwa bike ukanga gukora icyo nshaka mwese mbabona kimwe ko muri abakungu kuri Njyewe ».

Ngizo rero ingingo z'ingenzi z'ubutumwa Emmanuel Segatashya yahawe kugeza ku bantu bose muri iki gihe.

Iyo abibwira abantu, usanga ari Nyiri kumutuma umuvugiramo ; abivuga ku buryo busobanutse kandi nta jambo na rimwe aca ku ruhande.

Kenshi icyo amaze kuvuga ubutumwa, abo abugejejeho bamuhata ibibazo, maze ibisubizo abaha ukabona atari ibye ubwe, ahubwo ari Yezu uba umuvugiramo.

[Source](#) : Byavanywe mu gitabo, « Ibyabaye i Kibeho ntuzabibarirwe » ; cyanditswe na Dominiko Makeli, ku rupapuro 156 – 175.